# IBIPIMO FATIZO BY'UMUSARURO WA NATURLAND
## INCAMAKE Y'INGINGO Z'INGENZI

Naturland yiyemeje kugendera(respecter) amahame rusange y'ubuhinzi burambye, bityo no kugira uruhare runini mu kurengera abantu n'isi. Iyi nyandiko ikubiyemo incamake y'iby'ingenzi Naturland yibandaho mu buhinzi.

**Icyitonderwa:** Aka ni agace gato gusa k'inyandiko ikubiyemo ibipimo fatizo. Kugirango umuntu abashe kubahiriza neza ibipimo, ni itegeko kugendera ku bikubiye mu *nyandiko iherutse gutangazwa y'ibipimo bya Naturland*. Ingingo zose zuzuzanya n'imirongo ngenderwaho 2018/848 y'ibihugu by'Uburayi ku buhinzi bukoresheje ifumbire y'imborera.

### IMPINDUKA KU MURIMA WOSE

Umuhinzi ukorana na Naturland yiyemeje gukoresha ifumbire ikomoka ku bibora mu mirima yose yaba iye cyanga indi afiteho ububasha. Muyandi magambo, umuhinzi ntagomba gukoresha ifumbire mvaruganda niyimborera icyarimwe. Aya mabwiriza agabanya ibyago byo kwanduza umurima, kuvanga cyangwa guhinduranya ifumbire y'imborera n'imvaruganda.

### INSHINGANO MBONEZAMUBANO

Ibipimo bya Naturland ni rusange bigaha agaciro abantu bakora kandi baba hafi y'imirima. Abakoresha bemewe ba Naturland bagomba gukurikirana neza ko abakozi babona ibibagenerwa, urugero: amasezerano y'akazi, gufatwa kimwe mu kazi, umushahara, amasaha yakazi, n'inyungu mbonezamubano. Kubahiriza ibiteganywa mu mategeko y'ibihugu n'ibyo Umuryango Mpuzamahanga wita ku Murimo (ILO) washyize mu masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu n'amasezerano y'umuryango w'abibumbye ni itegeko.

### KURINDA AMASHYAMBA YA CYIMEZA N'AHANTU HARI URUSOBE RW'IBIMERA

Birabujijwe guhinga mu amashyamba ya cyimeza n'ahantu hari urusobe rw'ibidukikije bya cyimeza. Naturland ntawo itanga icyemezo cy'ahantu hahinzwe nyuma y'umwaka wa 2000. Gukoresha urusobe rw'ibidukikije by'umwimerere byemewe gusa mu gihe hubahirijwe mu buryo bukomeye indangagaciro zo kurinda ibidukikije.

Abakorana na Naturland bagomba gushyiraho ingamba zo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima. Ibi birimo gutunganya ubutaka, ubwiyongere bw'urube bw'ibinyabuzima, no gushyigira uburyo bwo kubicunga ubwiza bw'urusobe rw'ibidukikije.

## GUKORESHA NEZA AMAZI MU BURYO BURAMBYE

Gukoresha amazi menshi no gutuma amasoko yayo akama ntibyemewe mu mikorere ya Naturland. Aho bishoboka hose, amazi yimvura agomba gukusanywa agakoreshwa. Imirima iherereye mu duce dufite amazi make *igomba kubahiriza ibindi bisabwa, nko kugaragaza ko *amazi akoreshwa mu buryo bukurikije amategeko no gukirikirana imikoreshereze y'amazi*. Ni itegeko gutanga gahunda igaragaza uburyo amazi akoreshwa, harimo gukora isesengura ry'ibyago na gahunda y'ibikorwa yo gukumira cyangwa kugabanya ibyago byaterwa no kubura amazi mu rwego rwo kugira imikoreshereze myiza y'amazi.

* "Uduce dufite amasoko make y'amazi" dufatwa nk'uduce dukoresha amazi menshi ugereranyije namasoko ahari Ushaka ibisobanuro by'utwo duce, reba Aqueduct Water Risk Atlas of the World Resources Institute (WRI): Uduce duherereye mu butayu, dufatwa nk'utubona kandi tugakoresha amazi macye cyane" cyangwa uduce dufite ibipimo byo "hejuru" (50 kugeza kuri 75%) cyangwa "hejuru cyane "(hejuru ya 75%) nk'igipimo cy'uburyo amazi agabanuka" dufatwa nk'ahantu hatagira amazi.

## UBURYO BWO KURINDA IBIHINGWA

Ibipimo fatizo bya Naturland bibuza ibikorerwa mu nganda cyangwa ibyangiza ubuzima gushyirwa ahantu hose hari ibikorwa by'ubuhinzi. Abahinzi ba Naturland bagomba gufata ingamba zo kurinda ubutaka nko guhinduranya ibihingwa, gucunga ubutaka bwa karubone, uburyo bwo gufumbira, no guhitamo ibihingwa byiza kandi byihanganira ihindagurika ry'ibihe. Kwita ku urusobe rw'ibinyabuzima bifite ubushobozi bwo gufasha ibidukikije kwiyubaka.

Ikoreshwa ry'ibinyabutabire bikorewe mu nganda n'ibigenzura imikurire y'ibihingwa rirabujijwe. Ikoresha ry'umuringa ntabwo rirenza ibiro 3 ku hegitari ku mwaka. Gukoresha imiti ikorwa mu bireti iremewe, ariko ikorerwa mu nganda ntiyemewe. Ku bijyanye n'ikoreshwa ry'umuti wica udukoko witwa "spinosad" ni ngombwa gusaba uruhushya muri Naturland.

Umugereka wa 2 urutonde rw'abashinzwe kurinda ibihingwa n'ibintu umuhinzi wemewe na Naturland ashobora gukoresha.

## IMICUNGIRE Y'UBURUMBUKE BW'UBUTAKA

Ibipimo fatizo bya Naturland byibanda ku kurinda cyane ubutaka. Imicungire y'imirima ishobora kutabangamira irumbuka ry'ubutaka mu gihe kirambye, bitewe ni isuri. Mu rwego rwo kubungabunga no kongera uburumbuke bw'ubutaka, hagomba gukoreshwa amafumbire akomoka ku bibora. Bushobora kuba: guhinduranya ibihingwa mu buryo bwizewe, guhinga imboga/ibinyamisogwe, gutera ibihingwa bitandukanye mu murima umwe, no gusasira ibihingwa.

Kubijyanye n'ibihingwa bihingwa ahantu hose(urugero: ibinyampeke, beterave, ibigori, ibirayi), byibuze 1/5 cy'umurima kigomba guhingwaho ibinyamisogwe nk'igihingwa cy'ingenzi mu rwego rwo kongera umusaruro w'ubutaka.

Nko kubihingwa bimara igihe kirekire mu murima ni ngombwa guhinga ibindi bihingwa bigufi bitwikira ubutaka. Nta gace na gato ku umurima kagomba kubaho kadahinze mu gihe cy'umwaka wose w'ihinga kugirango mu rwego rwo kwirinda isuri.

## UBURYO BWO GUFUMBIRA

Muri Naturland, ifumbire ikoreshwa igomba kuba ari 100% imborera: ifumbire y'imborera n'imyanda yavuye aho batunganyiriza ibiryo byasaruwe mu murima wafumbiwe n'ifumbire yavuye mu bibora niyo gusa yemewe gukoreshwa. Ifumbire yakozwe mu buryo butazwi cyanga idashidikanywaho ntigomba gukoreshwa. Ushaka kugura Ifumbire y'imborera ayigurira mu mirima ya Naturland cyangwa ikaba igomba kuba yujuje ubuziranenge Naturland isaba.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibipimo ntarengwa bigomba kuba mu ifumbire:

| Ibihingwa bifite umwihariko | Ingano ya azote ikenewe kuri hegitari ku mwaka (Kg N/ha/year) |
|---|---|
| Ibihingwa bihingwa ahantu hose* | 40 |
| Umusaruro w im-boga uhingira isoko (Umusaruro w'ibin-yamisogwe) | 110 |
| Ibihingwa bihingwa mu nzu | > 110 (Byemejwe na Naturland) |
| Imbuto | 90 |
| Ibihingwa bimara igihe kinini mu muri-ma bihingwa ahantu hashyushye | > 110 (Byemejwe na Naturland) |

*Niba urwuri rurimo amatungo, ingano y'ifumbire ntigomba kurenga DU1.4 kuri hegitari mu mwaka (bihuye n'ifumbire y'inka ebyiri zikuze kuri hegitari), ifumbire iturutse ahandi ntigomba kurenza DU 0.5 kuri hegitari (bihwanye n'ibiro bya N kuri hegitari mu mwaka).

**Icyitonderwa:** Zimwe mu ifumbire zemewe n'ibipimo by'ifumbire y'umwimerere mu Bihugu by'Ubumwe bw'Uburayi ntabwo bihuje n'imirongo ngenerwaho igenga Naturland. Ifumbire ikozwe mu matotoro y'inkoko za kizungu cyangwa ifumbire y'amazi, hamwe n'ifumbire igurishwa ikozwe mu bibora irimo amatotoro y'inkoko zinzungu, amaraso, cyangwa ibiryo bikoze mu magufwa, ntabwo yemewe.

Reba kandi Umugereka wa 1 w'ibipimo fatizo bya Naturland ku musaruro ubone urutonde rw'ifumbire zemewe.

## UMUSARURO W'UBUHINZI BW'IMBUTO N'IBINYAMISOGWE

Birabujijwe gukoresha uburyo bwo guhindura ibihingwa, kabone nubwo byaba bihindurwa buhoro buhoro kugira ngo bibe umwimerere. Ibinyabuzima byahinduriwe uturemangingo n'ibibikomokaho ntibibangikanywa n'ikoreshwa ry'ubutaka bw'umwimerere.

Umusaruro wabonetse hakurikijwe ibipimo fatizo bya Naturland ntutungangwa hako-reshejwe ibyahinduriwe uturemangingo cyangwa ibisa nabyo. Imirama yo mu bwoko bw'amashu (Brassicaceae) cyangwa " ubwo bwa chicory zatubuwe (Cichorioideae)" ntabwo iva mu guhuza iyakuwemo uduce tw'imbere (protoplast) n'utw'inyuma (cyto-plast) tw'uturemangingo. Ku musaruro nk'uwo, ukorana na Naturland agomba kuyishy-ikiriza icyemezo cy'aho yaguriye imirama.

## IBISABWA BY'UMWIHARIKO KU BIHINGWA BIMARA IGIHE KININI MU MIRIMA Y'AHANTU HASHYUHA

Uburyo burambye bwo guhinga ahantu hashyuha nukugira ubutaka busasiye, gutera ibiti ku nkombe z'imigezi zibutandukanya n'ahahingwa no gutunganya ibisigazwa (urugero iby'ikawa, kakawo n'ibindi..). Guhindura ibisigazwa mo ifumbire no kubisubiza mu mirima ni bumwe mu buryo bwo kubivugurura.

## IKAWA NA COCOA

Ihingwa ry'ikawa na kakawo rigomba gukorwa nk'ibihingwa bivangwa n'imyaka bigira igicucu n'ibimera by'ubwoko bwinshi (byibuze amoko 12 kuri hegitari na 40% by'ibiti by'ibicucu). Ni byiza kuvanga ibinyabuzima n'ubwoko butandukanye bw'ibihingwa.

Andi makuru yihariye ajyanye n'ibihingwa akubiye mu nyandiko y'ibipimo fatizo ya Naturland, Umutwe wa IX. Ibihingwa bihingwa ahantu hashyuha bimara igihe kinini mu mirima

## INSINA

Insina zihingwa zivanze n'indi myaka cyangwa ibindi biti. Iyo ubu buryo bwo guhinga budashoboka, hakenerwa ahantu hahinze imyaka itandukanye ku buso bungana na 10%, mugihe ubuso buhingwa bufite hegitari zirenze 5.

Andi makuru yihariye ajyanye n'ibihingwa mwayasanga mu nyandiko ikubiyemo ibipimo fatizo bya Naturland, Umutwe wa IX. Ibihingwa bihingwa ahantu hashyuha bimara igihe kinini mu mirima.

Naturland is implementing the "Partner Afrika" Project in partnership with ROAM (Rwanda Organic Agriculture Movement), with a particular focus on the women's group Ejo Heza in the KOPAKAMA cooperative (Karongi district, Rwanda).

german cooperation DEUTSCHE ZUSAMMENARBEIT

Supported by Invest for Jobs Opportunities for Growth in Africa

Implemented by sequa

**Igihe yavuguruwe bwa nyuma:** 06/2024

**Naturland - Verband für ökologischen Landbau e.V. (Association for organic agriculture)**

Kleinhaderner Weg 1 | 82166 Gräfelfing

Tel +49 89 898082 - 0
membersupport@naturland.de

**www.naturland.org**